Rutsiro, Western province, Rwanda
P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: +250 (0) 783491512
fharwanda2012@gmail.com
www.fharwanda.org

Rutsiro, kuwa 18 Ugushyingo 2013

# RAPORO Y'INAMA YA 2 Y'ABAFATANYABIKORWA KU BURINZI BW'ISHYAMBA KIMEZA RYA GISHWATI

Kuri wa Gatanu taliki ya 15 ugushyingo 2013, ku biro by'umuryango Forest of Hope Association (FHA) i Kinihira mu Murenge wa Kigeyo, Akarere ka Rutsiro, hateraniye inama yahuje abafatanyabikorwa ku ishyamba kimeza rya Gishwati. Iyi nama ngaruka gihembwe yari igamije kugenzura no kwongerera imbaraga uburinzi bw'ishyamba kimeza rya Gishwati bushingiye ku baritureye. Umutumira w'inama yari Forest of Hope Association (FHA).

**Kuri gahunda y'inama hari:**

- Kurebera hamwe uko uburinzi bw'ishyamba kimeza bushingiye cyane ku baritureye (**Community Forest Protection Initiative (CFPI)** buri gukorwa
- Kungurana ibitekerezo ku buryo abafatanyabikorwa barushaho guhuza imbaraga mu kubungabunga iri shyamba ku buryo burambye.
- Guhana amakuru hibandwa kuri ejo hazaza hiri shyamba.

**Uko inama yagenze:**

Ibikorwa by'umunsi byatangiriye kw'ishyamba kimeza hakorwa ikiganiro n'abarinzi b'ishyamba. Ukuriye abarinzi Damascène Uwanyirijuru yashimiye abafatanyabikorwa ubufasha babaha mu mikorere yabo ya buri munsi, agaragaza uburyo bakoresha barinda ishyamba n'ibibazo byagaragaraga bagitangira byiganjemo kuragira ishyamba, gusenya inkwi, gutwika amakara, gushaka ubuki, guca inkoni no gucukura amabuye y'agaciro. Yatanze ishusho igaragaza ibyakozwe atanga ikigereranyo cya 80% ku igabanyuka ry'ibyangiza, ibi kandi bishimangirwa n'abayobozi b'inzego z'ibanze, urwego rw'utugari n'imirenge, ari nabo bakorana n'abarinzi umunsi ku munsi. Hagaragajwe kandi ko hari ibibazo bikigaragara nko gutashya n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro abarinzi basaba ubufasha cyane ku hagikenewe imbaraga nyinshi. Abafatanyabikorwa bahawe umwanya wo kubaza ibindi bifuza kumenya ku bikorwa n'abarinzi b'ishyamba, ibyababajijwe byose bihabwa ibisubizo n'abarinzi bafatanyije n'abayobozi b'inzego z'ibanze bakorana buri munsi.

Hakurikiyeho gusura ishyamba kugira ngo abafatanyabikorwa barebe uko rihagaze hanakorwe n' ubugenzuzi ku burinzi. Hifashishijwe agace gato k'inzira yakorewe ubukerarugendo "Human way", urugendo rusorezwa mu nzira y'amahoro "Peace trail".

Nyuma y'uru rugendo, inama yo kungurana ibitekerezo yakorewe ku biro bya FHA hatangwa ikaze ryatanzwe n'ubuyobozi bw'umurenge wa KIGEYO, hakurikiraho isomwa ry' imyanzuro y'inama y' ubushize yo kuwa 25/06/2013. Mu kugaragaza ibyagezweho, umwe mu bayobozi b'inzego z'ibanze zikorana cyane n'abarinzi, Zacharie BAMPORIKI, yahawe umwanya, agaragaza ibyakozwe harimo amanama, gusura abakekwaho kwangiza, no guhana abafashwe, bakigishwa, nyuma bagasubira kwangiza. Yagaragaje kandi imbogamizi bahura nazo agaruka cyane ku mubare udahagije w'abarinzi.

Umuhuzabikorwa wa FHA, Thierry Aimable INZIRAYINEZA, yagaragaje ishusho y'ibyagezweho hagendewe ku myanzuro y'inama y'ubushize. Hagaragajwe inama zakozwe n'abayobora utugari mu gihe cyo gutangiza uburinzi bw'ishyamba kimeza, haganirwa ku buryo bw'imikoranire, guhana amakuru ku byangiza no gushyira imbaraga mu bukangurambaga. Habaye kandi ubukangurambaga mu baturage bwakoze n'amatsinda y'ibidukijije mu bigo bikije Gishwati (eco-clubs) mu rwego rwo kwunganira ibikorwa by'uburinzi babitewemo inkunga na FHA. Hashimwe cyane imikoranire y'abayobozi n'abarinzi, hashimwa uruhare rwa buri mufatanyabikorwa mu gushyira mu bikorwa imyazuro y'inama ya mbere, hasabwe ko imikoranire yakomeza bityo umuvuduko wo guhashya ibyangiza ishyamba kimeza ugakomeza kwiyongera. Yagaragaje ahagikenewe imbaraga cyane ibikorwa by'ubucukuzi mu ishyamba mu kagari ka Mubuga/Nyabirasi no gutashya mu kagari ka Rundoyi/Ruhango. Nyuma hafunguwe ikiganiro cyo kwungurana ibitekerezo hibandwa kubyo abafatanyabikorwa bari bamaze kwibonera basura ishyamba, guha ingufu uburinzi, ahazaza ha Gishwati ndetse n'imicungire ya Gishwati. Abafashe ijambo bashimye ibikorwa byagezweho n'abarinzi bafatanyije n'inzego z'ibanze banatanga ibitekerezo binyuranye byatumye inama igera ku myanzuro ishimishije.

Uwari uhagariye Umuyobozi w'akarere ka Rutsiro bwana Felicien HABINSHUTI yashimye cyane ubufatanye bugaragara mu kurinda Gishwati, agaragaza ibyiza by'ishyamba kimeza ahereye ku byo abafatanyabikorwa bari bamaze kwibonera basura ishyamba, asaba gukomeza ubufatanye. Yagaragaje kandi ibyo Akarere ka Rutsiro kazakomeza gufasha ubu burinzi harimo ubukangurambaga cyane cyane ahakigaragara ibibazo, kwongera ubuso buteweho amashyamba hongerwa ubushobozi mu kubona ibicanwa. Yabwiye abafatanyabikorwa ko hari inama y'abacukuzi b'amabuye y'agaciro iteganywa agaragazako bazarebera hamwe uko ubucukuzi butemewe baburwanya kandi ko Akarere ka Rustiro kazakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo hategurwe ahazaza heza ha Gishwati.

Intumwa za RDB muri iyi nama, Telesphore NGOGA na Aimé SIBOMANA, basobanuye ko RDB yateguye inyandiko y'itegeko rigira Gishwati pariki ndetse na Mukura. Bagaragaje ibyakozwe harimo gufata ibipimo by'imbibi z'ishyamba, banagaragaza ibikenewe bigomba gutegurwa kugirango ishyamba rigirwe Pariki. Batangaje ko hari gutegurwa inama kugira ngo

abafatanyabikorwa baganire ku nyandiko y'itegeko izashyikirizwa Inama y'Abaministiri. Ku kibazo cy'imiyoborere ya Gishwati bagaragaje ko ishyamba riyobowe n'ikigo cy'umutungo kamere, ishami ry'amashyamba, kuko RDB yandikiwe ibaruwa ko yacunga iri shyamba ariko hakaba hataraba ihererekanyabubasha. Bagaragaje kandi ko mu bitegurwa mu micungire y'ishyamba kimeza rya Gishwati hazakomeza guha ingufu imicungire ihuriweho n'abaturage hagenderwa ku buryo FHA ikoresha muri iki gihe. Bashimiye abaterankunga ba FHA banagaragaza ko hifuzwa ko Gishwati yagirwa ahantu h'ubukerarugendo bwungura ubukungu bw'igihugu kandi bufitiye akamaro abaturiye ishyamba.

Umuyobozi wa International Gorilla Conservation Programme (IGCP), Mrs. Anna Behm MASOZERA, wari unahagarariye umuryango World Wide Fund for Nature (WWF)-Sweden wateye inkunga umushinga w'uburinzi bw' ishyamba kimeza rya Gishwati, yashimiye cyane ubufatanye bugaragarira buri wese mu kurinda iri shyamba, agaragaza ko ubufasha bw'amafaranga bwonyine budahagije mu kurinda ishyamba ahubwo guhuza imbaraga mu bikorwa byose aribyo bitumye ishyamba kimeza rya Gishwati ririnzwe. Yijeje abafatanyabikorwa kuba intumwa nziza ku baterankunga ba Gishwati no gukomeza gukora ubuvugizi mu ibungwabungwa ry'urusobe rw'ibinyabuzima bituye Gishwati.

Umuyobozi w' Akagari ka Mubuga, Emmanuel BIMENYIMANA, yerekanye zimwe mu ngamba zakwitabwaho, avuga ko abarinzi bakeneye intwaro, kugirango bajye bahangana n'ababa bitwaje izindi ntwaro gakondo cyane abacukuzi. Harebwa kandi icyakorerwa abaturage, cyane abasigajwe inyuma n'amateka bagifite ibibazo byihariye nk'iby'inkwi n'iby'imiturire, hakanashingwa kandi amatsinda y'ibidukikije mu rubyiruko agafasha mu bukangurambaga. Ibi kandi byagarutsweho n'uwari uhagarariye ingabo 2Lt. Claver BUGINGO watangaje ko bagiye kwongera ubufasha batangaga mu kurwanya ubucukuzi bukorerwa mu ishyamba.

Umuyobozi wa FHA, Madeleine NYIRATUZA, yagaragaje ibyishimo FHA ifite bitewe n'uburyo ishyamba rimeze n'uko ishyamba ririnzwe ku bufatanye n'abarituriye. Yashimiye abafatanyabikorwa uruhare rwabo mu byagezweho, agaragaza ko ubu bufatanye ari isomo n'abandi bareberaho. Yasabye kandi ko ahakiri ibibazo hashyirwa imbaraga. Hasabwe kandi gukomeza kwihutisha itegeko rihindura Gishwati na Mukura Pariki kugira ngo harebwe ejo hazaza haya mashyamba no gukomeza ubuvugizi ku burinzi burambye bw'ishyamba kimeza rya Gishwati.

Ku bindi, hagaragajwe ko hari Koperative "ABADACOGORA" yifuza gusarura amashyamba yateye y'inturusu mbere y'uko imbago za Gishwati zishyirwaho muri 2008, hibajijwe impamvu izi nturusu zitasaruwe igihe Great Ape Trust/Gishwati Area Conservation Program (GACP) yatangaga uburenganzira bwo gusarura ku bateye inturusu zari ishyamba. Abari mu nama bavuze ko iki kibazo kigomba kwiganwa ubushishozi n'ikigo cy'umutungo kamere (RNRA) ishami ry'amashyamba. Hagaragajwe kandi abasabye FHA imbuto z'imigano mu gice cya

KINYENKANDA. Nyuma yo kubiganiraho hemejwe ko ibi byose byajya bisabwa kandi bigasuzumwa n'ikigo cy'umutungo kamere (RNRA) ishami ry'amashyamba.

**<u>Imyanzuro y'inama:</u>**

- Abitabiriye imana bishimiye uko ishyamba ririnzwe, bashima byinshi byakozwe nyuma y'uko hagiyeho abarinzi n'uburyo imyanzuro y'inama ya mbere yashyizwe mu bikorwa buri wese akora ibyo yiyemeje, basaba ko ahakigaragara ibibazo hashyirwa imbaraga.

- Ibyasabwe abafatanyabikorwa :

- **FHA :** Gukomeza gukora gahunda mu mikorere y'abarinzi (**CFPI Agents**) hashakwa icyazana impiduka ku hakiri ibibazo.
- **Imirenge n'utugari :** Gukomeza gufatanya n' abarinzi kugabanya iyangirika ry'ishyamba no guhana abakomeza kwangiza
- **Akarere ka Rutsiro :**
  - Gukora ubuvugizi mu kwihutisha umushinga w'itegeko rihindura ishyamba kimeza rya Gishwati na Mukura Pariki.
  - Kwongera inama n'ubukangurambaga ahakigaragara ibyangiza ishyamba.

- **RDB** :
  - Gushyira imbaraga mu kwihutisha umushinga w'itegeko rihindura ishyamba kimeza rya Gishwati na Mukura Pariki
  - Gukomeza gukora ubuvugizi ngo haboneke uburinzi burambye bw'ishyamba rya Gishwati bishobotse hagaterwa inkunga yo kongera abarinzi muri iki gihe cy'inzibacyuho.
  - Gufasha kugira ngo abarinzi bagire aho baba muri iki gihe cy'inzibacyuho.

- **Ingabo:** Kwongera ubufasha mu gukomeza guca intege abacukuzi b'amabuye y'agaciro, byashoboka bigakorwa na nijoro.

- Ku kibazo cyagaragajwe cy'abifuza gusarura amashyamba n'abasaba imbuto mu ishyamba, bagomba kubisaba kandi bigasuzumwa n'ikigo cy'umutungo kamere (RNRA), ishami ry'amashyamba.

Asoza imana, uhagarariye Umuyobozi w'akarere ka Rutsiro, yongeye gushima ubufatanye mu bikorwa byagezweho. Yagaragaje ibiteganywa byose gukorwa mu gace ishyamba riherereyemo harimo umuhanda wa kaburimbo uzafasha cyane ibikorerwa muri iri shyamba. Yasabye abafatanyabikorwa kugendera ku bikorwa bimaze gukorwa hagakorwa ibindi byinshi kandi byiza, buri wese agashyiramo imbararga tukazongera guhura ibibazo bikigaragara byarakemutse.



*Ifoto y'abitabiriye iyi nama*

Ku mugereka w'iyi raporo hari urutonde n'amasinya by'abitabiriye iyi nama.

**Thierry Aimable INZIRAYINEZA**
**Umuhuzabikorwa wa Forest of Hope Association (FHA)**

Forest of Hope Association
FHA

Rutsiro, Western province, Rwanda
P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: +250 (0) 783491512
fharwanda2012@gmail.com
www.fharwanda.org

Kigeyo, ku wa 15/11/2013

## INAMA Y'ABAFATANYABIKORWA 2

| No | Amazina | Icyo ukora | Tel | E-mail | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | INZIRAYINEZA A thierry | Coordinator/FHA | 0783491512 | thierryaimable@yahoo.fr | |
| 2 | MUSONI Melance | INGABO | 0788473960 | | |
| 3 | SIBOMANA J. Aimé | RAB/Tourism | 0788506216 | jeanaime.sibomana@[illegible] | |
| 4 | MAJOZERA Anna Behm | IGCP | 0782332280 | abehm@igcp.org | |
| 5 | NDEKEZI Augustin | DEF/REMA | 0788540241 | ndekezi00@yahoo.fr | |
| 6 | NYIRATUZA Madeleine | presidente FHA | 0788852401 | nyiratuzam@gmail.com | |
| 7 | NGOGA Telesphore | RAB/Tourism and Conservation | 0788874311 | telesphore.ngoga@rdb[illegible] | |
| 8 | HABINSHUTI Felicien | Distr. Representative | 0786024025 | habinshutifelicien @yahoo.com | |
| 9 | NZARAMBA Félix | Etat civil/Kigeyo | 0788499869 | | |
| 10 | MUGABO Aloys | S.EX/cell | 0782706409 | aloys_mugabo@yahoo.f[illegible] | |
| 11 | NAMBAZA Pascal | Agronome Nyabirasi | 0788604946 | pnambaza@gmail.com | |
| 12 | | | | | |
| 13 | | | | | |
| 14 | | | | | |
| 15 | | | | | |

Forest of Hope Association
FHA

Rutsiro, Western province, Rwanda
P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: +250 (0) 783491512
fharwanda2012@gmail.com
www.fharwanda.org

Kigeyo, ku wa 15/11/2013

**INAMA Y'ABAFATANYABIKORWA 2**

| No | Amazina | Icyo ukora | Tel | E-mail | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | 2Lt BUGINGO P. Claver | Army | 0786142090 | | [signature] |
| 2 | BAMPORIKI Zacharie | SE/GIHARA | 0786201853 | bamporikizach@gmail.com | [signature] |
| 3 | MIYOYAMUNYOTAYE Gaston | D.O. [illegible] | 0788666169 | [illegible] @ yahoo.fr. | [signature] |
| 4 | NTIBIRAMIRA J. Bam | S.EX/Nyagahinika | 0788450682 | | [signature] |
| 5 | BIMENYIMANA Emmanuel BEM | S.EX/MUBUGA | 0788660898 | bembimenyimanaemmanuel @.fr | [signature] |
| 6 | HABYARIMANA Siméon | SG FHA | 0788532042 | hsimeon4@gmail.com | [signature] |
| 7 | GASASIRA Philippe | Président wa Coop. IYAMBERE | 0788593558 | gasasiraph@yahoo.fr | [signature] |
| 8 | | | | | |
| 9 | | | | | |
| 10 | | | | | |
| 11 | | | | | |
| 12 | | | | | |
| 13 | | | | | |
| 14 | | | | | |
| 15 | | | | | |